

AMABWIRIZA RUSANGE N°12/2017 YO
KU WA 23/11/2017 KU ISHYIRWA MU
BYICIRO RY'IMYENDA NO GUTEGANYA
INGOBOKA

REGULATION N°12/2017 OF 23/11/2017 ON
CREDIT CLASSIFICATION AND
PROVISIONING

REGLEMENT N°12/2017 DU 23/11/2017 SUR LA
CLASSIFICATION DES CREDITS ET LES
PROVISIONS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza
agamije

Article one: Purpose

Article premier : Objet

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

Ingingo ya 3: Inshingano z' Inama
y'Ubutegetsi n'iz'Ubuyobozi

Article 3: Board of Directors and
Management Responsibilities

Article 3: Responsabilités du Conseil
d'Administration et la Direction

Ingingo ya 4: Igihe cyo kwishyura umwenda

Article 4: Moratorium period

Article 4: Période moratoire

Ingingo ya 5: Umwenda ufatwa ko utishyurwa
neza

Article 5: Credit facility considered as non-
performing

Article 5 : Crédit considéré comme non
performant

Ingingo ya 6: Inguzanyo z'ingoboka

Article 6: Overdrafts

Article 6 : Découverts

Ingingo ya 7: Inyungu zitabazwe

Article 7: Non- accrual status

Article 7 : Etat de non régularisation

Ingingo ya 9: Ibigenderwaho mu gushyira
umwenda mu byiciro

Article 9: Classification criteria

Article 9: Critères de classification

UMUTWE WA II: IBISABWA BYUBAHIRIZWA	CHAPTER II: REGULATORY REQUIREMENTS	CHAPITRE II: EXIGENCES REGLEMENTAIRES
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibigenderwaho mu gushyira imyenda mu cyiciro gisanzwe	<u>Article 10:</u>Criteria for Normal classification	<u>Article 10</u> : Critères pour la classification dans la classe normale
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibigenderwaho ku cyiciro cy’Imyenda ikurikiranwa	<u>Article 11:</u> Criteria for Watch classification	<u>Article 11</u> : Critères pour la classification « A signaler »
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibigenderwaho ku myenda itujuje ibisabwa	<u>Article 12:</u> Criteria for substandard classification	<u>Article 12:</u> Critères de classification pour la mention « qualité inférieure »
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibigenderwaho ku cyiciro cy’imyenda itizewe	<u>Article 13:</u> Criteria for Doubtful Classification	<u>Article 13:</u> Critères pour la classification de la mention « Douteuse »
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibigenderwaho mu cyiciro cy’Ighombo	<u>Article 14:</u> Criteria for “Loss” Classification	<u>Article 14:</u> Critères pour la classification « Perte »
UMUTWE WA III: INGOBOKA ZEREKEYE IMYENDA N’ISIBWA RYAYO	CHAPTER III: PROVISIONS ON CREDIT FACILITIES AND WRITING OFF	CHAPITRE III: PROVISIONS RELATIVES AUX CRÉDITS ET RADIATION DES CREDITS
<u>Ingingo ya 15:</u> Ingoboka rusange	<u>Article 15:</u> General provisions	<u>Ingingo ya 15:</u> Provisions générales
<u>Ingingo ya 16:</u> Amafaranga y’ingoboka zihariye	<u>Article 16:</u> Specific provisions	<u>Article 16</u> : Des provisions spécifiques
<u>Ingingo ya 17:</u> Gusuzuma ingano y’amafaranga y’ingoboka	<u>Article 17:</u> The reviewing of the provisioning level	<u>Article 17:</u> Examen du montant des provisions
<u>Ingingo ya 18:</u> Gusiba inguzanyo	<u>Article 18:</u> Loans writing off	<u>Article 18:</u> Radiation des prêts

<u>Ingingo ya 19:</u> Kubuzwa gutanga umwenda	<u>Article 19:</u> Interdiction to grant a credit facility	<u>Article 19:</u> Interdiction d'accorder un crédit
<u>UMUTWE WA IV: IVUGURURWA RY'IMYENDA</u>	<u>CHAPTER IV: RESTRUCTURING CREDIT FACILITIES</u>	<u>CHAPITRE IV: RESTRURATION DES CREDITS</u>
<u>Ingingo ya 20:</u> Umwenda uvuguruye	<u>Article 20:</u> Restructured credit facility	<u>Article 20:</u> Crédit restructuré
<u>Ingingo ya 21:</u> Umwenda uvuguruye wo mu cyiciro cy'imyenda "Itujuje ibisabwa"	<u>Article 21:</u> Restructured credit "Substandard category"	<u>Article 21 :</u> Crédit restructuré dans la catégorie « Qualité inférieure »
<u>Ingingo ya 22:</u> Umwenda uvuguruye uri mu cyiciro cy'«Imyenda itizewe»	<u>Article 22:</u> Restructured credit in the "Doubtful" category	<u>Article 22 :</u> Crédit restructuré classé dans la catégorie « Douteuse ».
<u>Ingingo ya 23:</u> Umwenda uvuguruwe uri mu cyiciro cy'« Ighombo »	<u>Article 23:</u> Restructured credit in the "Loss" category	<u>Article 23:</u> Crédit restructuré dans la catégorie dite «Perte»
<u>Ingingo ya 24:</u> Ingwate	<u>Article 24:</u> Collaterals and guarantees	<u>Article 24:</u> Sûretés et garanties
<u>Ingingo ya 25:</u> Ingwate mw'ibara ry'ingoboka	<u>Article 25:</u> Consideration of collaterals and guarantees for provisioning purposes	<u>Article 25:</u> Considération de sûretés et garanties à des fins de provisions
<u>Ingingo ya 26:</u> Ikoresha ry'Ibipimo Mpuzamahanga Ngenderwaho mu Itanga ry'amakuru ajyanye n'Imari (IFRS)	<u>Article 26:</u> Use of International Financial Reporting Standards (IFRS)	<u>Article 26:</u> Utilisation des Normes Internationales d'Information Financière (IFRS)
<u>Ingingo ya 27:</u> Igenzurwa rikorwa na Banki Nkuru	<u>Article 27:</u> Inspection by Central Bank	<u>Article 27:</u> Inspection par la Banque Centrale

UMUTWE WA V: GUTANGA RAPORO, INGAMBA Z'IKOSORA, IBIHANO N'INGINGO ZISOZA	CHAPTER V: REPORTS, REMEDIAL MEASURES, PENALTIES AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE V : RAPPORTS, MESURES CORRECTIVES, SANCTIONS ET DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 28:</u> Raporo ku mwenda utishyurwa neza	<u>Article 28:</u> Reporting on non- performing credit facility	<u>Article 28:</u> Rapport sur le crédit non performant
<u>Ingingo ya 29:</u> Ibikorwa bikosora n'ibindi bihano	<u>Article 29:</u> Corrective actions and other penalties	<u>Article 29:</u> Mesures correctives et autres sanctions
<u>Ingingo ya 30:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	<u>Article 30:</u> Repealing of inconsistent provision	<u>Article 30:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 31:</u> Igihe Amabwiriza atangira gukurikizwa	<u>Article 31:</u> Drafting and consideration of this Regulation	<u>Article 31:</u> De l'initiation, examen et approbation
<u>Ingingo ya 32:</u> Igihe Amabwiriza atangira gukurikizwa	<u>Article 32:</u> Commencement	<u>Article 31:</u> Entrée en vigueur

AMABWIRIZA RUSANGE N°12/2017 YO KU WA 23/11/2017 KU ISHYIRWA MU BYICIRO RY'IMYENDA NO GUTEGANYA INGOBOKA

Ishingiye ku Itegeko n°48/2017 ryo kuwa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15;

Ishingiye ku Itegeko n° 47/217 ryo kuwa 23/09/2017 rigenga imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 37, iya 38 n'iya 117;

Isubiye ku mabwiriza rusange n°02/2011 ku ishyirwa mu ibyiciro by'imyenda no guteganya ingoboka;

Banki Nkuru y'u Rwanda mu ngingo zikurikira yitwa «Banki Nkuru», itanze amabwiriza akurikira:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza rusange agenga ishyirwa mu byiciro ry'imyenda no guteganya ingoboka, kugira ngo bifashe amabanki kumenya bwangu no gukurikirana imyenda yatanze itishyurwa neza kandi ashireho ingamba zikwiye zo gucunga

REGULATION N°12/2017 OF 23/11/2017 ON CREDIT CLASSIFICATION AND PROVISIONING

Pursuant to Law n°48/2017 of 23/09/ 2017 governing the Central Bank of Rwanda, especially in Articles 6, 8, 9, 10 and 15;

Pursuant to Law n° 47/2017 of 23/09/ 2017 governing the organization of banking, especially in Articles 37, 38 and 117;

Having reviewed the regulation n°02/2011 on credit classification and provisioning;

The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as "Central Bank", decrees:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article one: Purpose

This Regulation governs credit classification and provisioning, to ensure that banks promptly identify and monitor their nonperforming credit facilities and undertake adequate measures to manage credit risk in their portfolios.

REGLEMENT N°12/2017 DU 23/11/2017 SUR LA CLASSIFICATION DES CREDITS ET LES PROVISIONS

Vu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 8, 9, 10 et 15;

Vu la Loi n° 007/2008 du 08/04/2008 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en ses articles 37, 36 et 117 ;

Revu le règlement n° 02/2011 sur la classification des crédits et les provisions;

La Banque Nationale du Rwanda ci-après dénommée «Banque Centrale», édicte:

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet

Le présent règlement régit la classification des crédits et les provisions pour que les banques identifient le plus tôt possible et surveillent les crédits non performant et prennent des mesures adéquates pour gérer le risque de crédit dans leurs portefeuilles.

ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'imyenda yatanzwe.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri aya mabwiriza rusange, amagambo akurikira asobanura:

- (1) «**Banki**»: ikigo cy'imari kigengwa kandi kikanagenzurwa hashingiwe ku itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki;
- (2) «**Umuntu ufitanye isano na banki**»: umuntu afatwa nk'ufitanye isano na banki mu bihe bikurikira:
 - a) ari mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa uri mu Buyobozi Bukuru bwa banki;
 - b) afite ku buryo butaziguye cyangwa buziguye utuhare rugaragara muri banki;
 - c) ari mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa uri mu Buyobozi muri kimwe mu bigo bivugwa mu duce twa (g) na (h) tw'iyi ngingo;
 - d) uri uwo bashakanya cyangwa ufitanye isano itaziguye cyangwa iziguye kugeza ku gisanira cya kabiri n'umwe mu bavugwa mu duce twa «a», «b», cyangwa «c»;

Article 2: Definitions

In this Regulation, the following terms and expressions shall mean:

- (1) “**Bank**”: a financial institution regulated and supervised under the law governing the organization of banking;
- (2) “**Bank related party**”: any natural person or legal entity is considered as a bank-related party in the following circumstances:
 - a) person who is a member of the Board of Directors or the Senior Management of the bank;
 - b) person who has a direct or indirect significant holding in the bank;
 - c) person who is a member of the Board of Directors or the Management of any of entities specified in (g) or (h) of this Article;
 - d) a spouse or family member on direct line or collateral line up to the second degree of any of the persons mentioned under “a”, “b”, or “c”;

Article 3: Définitions

Dans le présent règlement, les termes et expressions suivants signifient :

- (1) « **Banque** » : institution financière réglementée et supervisée en vertu de la loi portant organisation de l'activité bancaire;
- (2) « **Personne apparentée à une banque** »: toute personne physique ou morale qui entretient avec la banque au moins l'une des relations suivantes:
 - a) personne membre du Conseil d'Administration ou de la Direction de la banque;
 - b) personne détenant directement ou indirectement une participation significative dans la banque;
 - c) personne membre du Conseil d'Administration ou de la Direction d'une des entités mentionnées au points (g) et (h);
 - d) époux (se) ou membre de famille en ligne directe ou collatérale jusqu'au deuxième degré, de l'une des personnes mentionnées au point «a», «b» ou «c»;

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

- | | | |
|--|--|---|
| <p>e) ari ikigo gifite umwe mu bantu bavugwa mu duce twa «a», «b», «c», cyangwa «d» abereye umwe mu bagize Inama y'Ubutegesi cyangwa Ubuyobozi;</p> <p>f) ikigo gifite umwe mu bantu bavugwa mu duce twa «a», «b», «c» cyangwa «d», wenyine cyangwa hamwe n'abandi, afitemo mu buryo butaziguye cyangwa buziguye byibura icumi ku ijana (10%) by'imigabane cyangwa uburenganzira bwo gutora cyangwa se ikigo abo bantu bashobora kugiramo ububasha bwo kuganza mu ifatwa ry'ibyemezo;</p> <p>g) ikigo, banki yonyine cyangwa ifatanyije n'abandi, icunga cyangwa ifitemo ububasha bwo kuganza mu ifatwa ry'ibyemezo ku buryo butaziguye cyangwa buziguye;</p> <p>h) ikigo gicungwa cyangwa gifitweho ububasha bwo kuganza mu ifatwa ry'ibyemezo n'ikigo gicunga banki ku buryo butaziguye cyangwa buziguye.</p> <p>(3) « Abantu bahujwe n'inyungu »: abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo bifite ubuzima gatozi, babiri cyangwa benshi, bigaragara ko bahuje inyungu kubera ko bahujwe nibura na kimwe mu bintu bikurikira:</p> <p>a) Ugushyingiranwa kwemewe ;</p> | <p>e) any entity in which any of the persons mentioned under (a), (b), (c) and (d) is a member of the Board of Directors or the Management;</p> <p>f) any entity in which any of the persons mentioned under “a”, “b”, “c”, or “d” above holds directly or indirectly, alone or with others, at least ten (10%) percent of the shares or voting rights or on which these persons can exert influence;</p> <p>g) any entity that the bank, alone or with others, controls or on which the bank exert influence directly or indirectly;</p> <p>h) any entity controlled or on which influence is exerted directly or indirectly by an entity that controls the bank.</p> <p>(3) “interconnected parties”: two or more natural persons or legal entities that are regarded as constituting a single interest because they have at least one of the following relationships:</p> <p>a) Legal marriage ;</p> | <p>e) toute entité où l'une ou l'autre des personnes mentionnées au point (a), (b), (c) et (d) du présent article est membre du Conseil d'Administration ou de la Direction;</p> <p>f) toute entité dans laquelle, seule ou avec d'autres, l'une des personnes mentionnées au point «a», «b», «c» ou «d» détient directement ou indirectement au moins (10%) des actions ou des droits de vote; ou sur laquelle ces personnes peuvent exercer une influence.</p> <p>g) toute entité que la banque, seule ou avec d'autres, contrôle ou sur laquelle elle exerce une influence directement ou indirectement;</p> <p>h) toute entité contrôlée ou sur laquelle l'influence est exercée directement ou indirectement par une entité qui contrôle la banque.</p> <p>(3) « Parties liées »: deux ou plusieurs personnes physiques ou morales qui sont considérées comme représentant un intérêt commun parce qu'elles ont au moins l'une des relations suivantes:</p> <p>a) Mariage légal ;</p> |
|--|--|---|

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

- | | | |
|--|--|---|
| b) Umwe agenzura undi cyangwa abandi bose, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye ; | b) One controls the other or the entire group, directly or indirectly; | b) L'un contrôle l'autre ou l'ensemble du groupe, directement ou indirectement ; |
| c) Basangiye uburenganzira ku mutungo cyangwa imicungire; | c) They share ownership or management; | c) Elles partagent la propriété ou la gestion commune ; |
| d) Ubukungu bw'umwe/bamwe bushingiye ku bukungu bw'undi/bw'abandi ku buryo umwe muri bo aramutse agize ibibazo by'imari, undi cyangwa abandi bose bagira ibibazo byo kwishyura ; | d) They are economically interdependent, such as if one of them were to experience financial problems, the other or all of the others would encounter repayment difficulties; | d) Elles sont économiquement interdépendantes, à tel point que si l'une d'elles rencontre des problèmes financiers, l'autre ou les autres éprouvent des difficultés de remboursement ; |
| (4) « Usaba umwenda »: umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi wahawe umwenda na banki; | (4) « Borrower »: natural person or a legal entity obtaining a credit from a bank; | (4) « Emprunteur »: personne physique ou morale qui a obtenu un crédit de la banque; |
| (5) « Gushyira mu byiciro » : kugena icyiciro cy'umwenda hagendewe ku mwenda ubwawo cyangwa ku wahawe umwenda; | (5) « Classification »: determination of the category of a credit facility using either subjective or objective criteria; | (5) « Classification »: détermination de la catégorie d'un crédit bancaire en utilisant un critère subjectif ou objectif; |
| (6) « Inguzanyo »: umutungo uwo ari wo wose cyangwa umutungo utagaragara mu ifoto y'umutungo ushobora kutishyurwa, nk'inguzanyo, inguzanyo y'ingoboka, avansi, ikodesha-gurisha, inyandiko z'agaciro zemerwa, inyandiko zifite agaciro mu mafaranga, ingwate n'indi mitungo cyangwa ibidateganyijwe bifitanye isano n'ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'imyenda; | (6) « Credit facility »: any asset or off-balance sheet item which contains credit risk, such as loans, overdrafts, advances, finance leases, acceptances, bills discounted, guarantees and other assets or contingencies connected with credit risk; | (6) « Crédit »: tout avoir ou élément de hors bilan qui contient le risque de crédit, tels que les prêts, les découverts, les avances, le prêt bail, les acceptations, les effets escomptés, les sûretés et autres éléments d'actif ou imprévus en rapport avec le risque de crédit. |
| (7) « Ingoranze zaterwa no kutishyurwa kw'inguzanyo »: ingorane zateza igihombo cy'amafaranga, kabone n'iyu hagurishwa ingwate yo ku rwego rwa | (7) « Credit risk »: the risk of financial loss, despite realization of the main or secondary collateral, because of a | (7) « Risque de crédit »: le risque de perte financière, malgré la réalisation de garantie principale ou secondaire, en raison de |

- mbere cyangwa iyo ku rwego rwa kabiri, bitewe n'uko uwagurijwe atabashije kwishyura umwenda afitiye banki.
- (8) **«Imyenda »:** ubwoko bwose bw'imyenda banki yatanze hakubiyemo inguzanyo zatanze, inyandiko nyizezabwishyu, n'ubundi bwoko bw'imyenda cyangwa ibiteye nk'imyenda banki yemereye umukiriya, kimwe n'impapuro mpeshamwenda, imigabane n'ubundi bwoko bw'ishoramari mu kindi kigo icyo ari cyo cyose. ;
- (9) **«Kugabanya ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'inguzanyo»:** gukoresha ingamba zikwiriye hagamijwe kugabanya ingaruka z'ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'inguzanyo, harimo gufata ingwate ku mutungo, ubwishingire n'izindi nyandiko z'imari zihariye;
- (10) **«Ikinyuranyo cy'umwenda w'ingoboka kitarishyurwa»:** ikinyuranyo cy'inguzanyo kitarishyurwa kuri konti y'inguzanyo y'ingoboka igaragaza ihindagurika ryoroheje cyangwa ridahari ;
- (11) **«Ingoboka rusange»:** amafaranga abitswe ateganyirijwe ibihombo bitaramenyekana cyangwa bishobora kubaho, bikabarwa hashingiwe ku
- debtor's inability to satisfy his obligations to a bank;
- (8) **“ exposure”:** all types of credit including loans and avances , letters of credit, and similar forms of credits or credit commitments granted by a bank to a client, as well as debt securities, shares and other types of investment in any other undertaking;
- (9) **“Credit risk mitigation”:** the use of appropriate strategies to reduce adverse effect of the credit risk exposure, including collateralization, guarantees and derivatives;
- (10) **“Hardcore”:** an outstanding debit balance in an overdraft account that shows little or no fluctuations;
- (11) **“General provision”:** loss reserve for impairment held against losses not yet identified or potential losses, estimated
- l'incapacité d'un débiteur de d'honorer ses obligations envers une banque;
- (8) **«Engagement »:** le tous les types de crédit notamment, les lignes de crédit et avances, crédit documentaire et formes similaires de crédit ou d'engagements de crédit accordés par une banque à un client, ainsi que les titres de créance, les actions, et d'autres types d'investissements dans tout autre entreprise;
- (9) **« Atténuation du risque de crédit »:** l'utilisation des stratégies appropriées afin de réduire les effets néfastes de l'exposition au risque de crédit, les garanties par nantissement, les garanties personnelles et les instruments financiers;
- (10) **« Solde impayé du découvert»:** solde débiteur impayé dans un compte découvert qui montre peu ou pas de fluctuations;
- (11) **«Provision générale»:** réserve pour perte constituée contre des pertes non encore identifiées ou pertes potentielles, estimées en fonction des pertes

- | | | | |
|------|---|---|---|
| | gihombo ku nguzanyo gishoboka mu gihe cyose inguzanyo izamara; | considering the lifetime expected credit losses; | liées aux crédits prévues pour toute la durée du crédit; |
| (12) | « Uburyo bwo gushyira mu byiciro »: uburyo bwo gusesengura ingorane zaterwa no kutishyurwa kw'imyenda butandukanya urugero rw'ingorane ku myenda yose banki yatanze; | (12) « Grading system »: tool to assess credit risk, differentiating the degree of credit risk of the credit exposures of a bank; | (12) « Système de classement »: outil pour évaluer le risque de crédit, en différenciant l'ampleur du risk de crédit de tous les engagements de crédit d'une banque; |
| (13) | « Inyungu zahagaze »: inyungu ku mwenda utishyurwa neza zidafatwa nk'umusaruro kandi ntizishyirwe muri raporo y'umusaruro ; | (13) « Interest in suspense »: interest accrued on non-performing loans that is not recognized as income in institution's income statements; | (13) « Intérêts en suspens »: les intérêts courus sur un crédit non performant qui ne sont pas reconnus comme revenus et qui ne sont pas enregistrée dans le revenu; |
| (14) | Abakozi bakuru : abakozi bo mu buyobozi bari mu bakozi bakuru /bo ku rwego rwo hejuru rwa banki. Abo ni aba: | (14) « Senior managers »: the management personnel which are the high-level/key executives of the bank. These are: | (14) « Cadre dirigeants »: le personnel de direction qui est composé de cadres supérieurs de haut niveau de la banque. Il s'agit de : |
| a. | Umuyobozi Mukuru (CEO/MD) ; | a) the the Chief Executive Officer (CEO)/Managing Director (MD); | a) Directeur Général; |
| b. | Abakozi Bakuru bashamikiye kandi batanga raporo yabo y'akazi, ku buryo butaziguye, ku Inama y'Ubutegetsi cyangwa Komite z'Inama y'Ubutegesti ; na | b) Senior executives reporting to the Board or to Board Committees; and | b) Hauts Responsables Executifs qui relèvent directement du Conseil d'Administration; et |
| c. | Abakozi Bakuru bashamikiye kandi batanga raporo yabo y'akazi, ku buryo butaziguye, ku Umuyobozi Mukuru (CEO/MD). | c) Senior executives reporting to the Chief Executive Officer (CEO)/Managing Director (MD). | c) Hauts Responsables Executifs qui relèvent directement du Directeur Général. |

- (15) **«Umwenda utabazweho inyungu»:** umwenda wabikijwe mu mafaranga ku mpamvu za raporo z'ibaruramari n'iz'imari, bigatuma inyungu zabonetse cyangwa zigomba kwishyurwa ariko zitishyurwa zidashyirwa ku nyungu y'umutungo ahubwo zigashyirwa ku nyungu zahagaze;
- (16) **«Umwenda utishyurwa neza»:** umwenda udatanga umusaruro kandi wujuje ibigenderwaho biteganywa mu ngingo ya 5 y'aya mabwiriza;
- (17) **« Inguzanyo y'ingoboka »:** umwenda banki ikoresha mu kwemera ko amafaranga yabikujwe arenga amafaranga yabikijwe hakurikijwe ibyumvikanweho n'ibisabwa byagenwe;
- (18) **«Ingoboka yihariye»:** amafaranga abitswe ateganyirizwa igihombo kiriho kizwi cyangwa gishobora kubaho ;
- (19) **«Igihe cyo gusonerwa kwishyura umwenda»:** igihe kibarirwa mu gihe cyo kwishyura umwenda uwahawe umwenda adasabwamo kwishyura umwenda w'ibanze, ariko akaba ashobora kwishyura inyungu hakurikijwe amasezerano yagiranye na banki.
- (15) **“Non-accrual credit facility”:** credit facility that has been placed on a cash basis for accounting and financial reporting purposes, thus interest earned or due but unpaid is not credited to interest income but instead to interest in suspense;
- (16) **“Non-performing credit facility”:** credit facility that is not generating income and meets the criteria specified in Article 5 of this regulation;
- (17) **“Overdraft”:** credit facility under which a bank allows funds withdrawn to exceed funds deposited in accordance with specified terms and conditions;
- (18) **“Specific provision”:** loss reserve held against presently identified losses or potential losses;
- (19) **“Moratorium period”:** period of time in the loan term where the borrower is not required to repay the principal, but pays interest upon agreement with the bank;
- (15) **«Crédit non régularisé»:** crédit qui a été placé sur base de trésorerie à des fins comptables et des rapports financiers, et qu'ainsi les intérêts échus ou dûs mais non payés ne sont pas crédités sur le revenu d'intérêts mais sur les intérêts en suspens ;
- (16) **« Crédit non performant »:** crédit qui ne génère pas de revenu et qui répond aux critères spécifiés dans l'article 5 de ce règlement;
- (17) **« Decouvert » credit par lequel une banque permet que les fonds retirés excèdent les fonds déposés selon les termes et conditions spécifiés ;**
- (18) **«Provision spécifique»:** réserve pour perte constituée contre les pertes actuelles identifiées ou les pertes potentielles;
- (19) **«Période moratoire»:** période dans la durée du contrat de prêt pendant laquelle l'emprunteur n'est pas tenu de rembourser le principal, mais paie des intérêts conformément au contrat avec la banque ;

(20) Inguzanyo y'ingoboka itakishyurwa : inguzanzanyo y'ingoboka aho umubare w'amafaranga akoreshwa kuri konti mu gihe gisuzumwa uitangana cyangwa cyangwa ngo urute inguzanyo yemejwe hiyongereyeho inyungu;

(21) **Umwenda wasibwe** : Umwenda utishyurwa neza kandi warengeje igihe cy'iminsi 360 mu cy'icyiro cy'imyenda « Iri mu gihombo »

(20) **Inactive overdraft** : overdraft where the turnovers or the volume of repayments on the account during the period under review are not equivalent to, or greater than the approved credit line plus interest charges;

(21) **Written off loan:** a non performing loans that exceeded 360 days in "Loss" category.

(20) Découvert inactif : découvert dont le chiffre d'affaires ou le volume des remboursements sur le compte au cours de la période sous examen ne sont pas équivalents ou supérieurs à la ligne de crédit approuvée majorée des frais d'intérêt;

(21) **Crédit radié** : un crédit non performant ayant dépassé 360 jours dans la catégorie « Perte ».

Ingingo ya 3: Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi n'iz'Ubuyobozi

Inama y'Ubutegetsi ya banki ifite inshingano zo kureba ko banki ifite uburyo buboneye bwo gushyira imyenda mu byiciro, bugaragaza neza ibyateza ingorane ku myenda kandi bugafasha kugumana ingoboka ku rwego rukwiriye, bashinzwe kandi kugenzura no gukurikirana igenzura ry'ibyateza ingorane ku myenda n'uburyo bwo guteganya ingoboka.

Inama y'Ubutegetsi n'Ubuyobozi bagomba kureba neza ko banki ifite uburyo buboneye bwo gusesengura ibihombo biba ku myenda n'igenzura ry'imbere mu kigo kugira ngo habarwe ku buryo buhoraho ingoboka ziteganyirizwa ibihombo biba ku myenda, hashingiwe kuri politiki n'uburyo bw'imikorere ya banki, amabwiriza agenga ibaruramari n'andi mabwiriza yose y'ubugenzuzi akwiriye.

Article 3: Board of Directors and Management Responsibilities

The Board of Directors of a bank shall be responsible for ensuring that the bank has an effective loan classification system, which accurately identifies credit risk and assures the maintenance of provisions at an appropriate level, and for overseeing and monitoring the credit risk assessment and provisioning processes.

The Board of Directors and management shall ensure that the bank has appropriate credit risk assessment processes and internal controls to consistently calculate provisions for loan losses, in accordance with the policies and procedures established by the bank, the accounting regulation and any appropriate supervisory guidance.

Article 3: Responsabilités du Conseil d'Administration et la Direction

Le Conseil d'Administration d'une banque a la responsabilité de veiller à ce que la banque dispose d'un système de classification de prêt efficace permettant d'identifier avec précision le risque de crédit et d'assurer le maintien des provisions au niveau approprié, et de surveiller et contrôler l'évaluation du risque de crédit ainsi que les procédures de provision.

Le Conseil d'Administration et la direction veillent à ce que la banque dispose de procédures appropriées d'évaluation du risque de crédit et de contrôles internes permettant de calculer de façon cohérente les provisions pour les pertes liées au crédit, conformément aux politiques et procédures établies par la banque, au règlement relatif à la comptabilité et à toute regulation appropriée relative à la supervision.

Ubuyobozi bwa banki bufite inshingano zo gushyiraho no gukurikiza uburyo bubonye kandi buhoraho bwo gushyira imyenda mu byiciro no kugaragaza ingoboka ziteganyirizwa ibihombo ku myenda.

Ingingo ya 4: Igihe cyo kwishyura umwenda

Banki ishobora guha usaba inguzanyo igihe cyo gusonerwa kwishyura hashingiwe ku miterere y'umushinga wasabiwe inguzanyo, hashingiwe kandi no kuri politiki yayo y'imitangire y'imyenda igomba kuba irimo amakuru yose ku gihe cyo gusonerwa kwishyura umwenda hagendewe ku mafaranga abitse, uko banki ihagaze mu bukungu imikorere myiza n'ubushobozi bwa banki bwo kwishyura.

Igihe cyo gusonerwa kwishyura umwenda gihabwa umukiriya gishobora kongerwa iyo bibanje kwemezwa n'Inama y'Ubutegetsi kandi hashingiwe kuri politiki y'imitangire y'imyenda.

Banki n'usaba inguzanyo bumvikana niba inyungu zizabarwa cyangwa zitazabarwa kandi zikishyurwa mu gihe cyo gusonerwa kwishyura umwenda kivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 5: Umwenda ufatwa ko utishyurwa neza

Umwenda washyiriweho gahunda yo kwishyurwa ufatwa ko utishyurwa neza iyo:

The management of a bank has the responsibility to develop and maintain an appropriate, systematic and consistently applied process to classify loans and to determine provisions for loan losses.

Article 4: Moratorium period

A bank may grant to the borrower a moratorium period depending on the nature of the financed project, in accordance with its credit policy which must include details on the moratorium period taking into account liquidity conditions, soundness and solvability of the bank.

The moratorium period granted to a borrower may be renewed only upon approval by the board of directors and in accordance with the credit policy.

The bank and the borrower shall agree on whether interests will be or not be computed and paid during the moratorium period stipulated in paragraph one and 2 of this article.

Article 5: Credit facility considered as non-performing

A credit facility with a pre-established repayment schedule shall be considered as non-performing if:

La direction d'une banque a la responsabilité d'élaborer et de maintenir une procédure appropriée, systématique et constamment appliquée de classification de prêts et de déterminer les provisions pour les pertes liées au crédit.

Article 4: Période moratoire

Une banque peut accorder à l'emprunteur une période moratoire selon la nature du projet financé, conformément à sa politique de crédit qui doit contenir des détails sur la période moratoire en tenant compte des conditions de liquidité, de la solidité et de la solvabilité de la banque.

La période moratoire accordée à un emprunteur ne peut être renouvelée qu'après approbation par le Conseil d'Administration et conformément à la politique de crédit.

La banque et l'emprunteur se mettent d'accord si les intérêts seront ou ne seront pas calculés et payés pendant la période moratoire stipulée aux alinéas premier et 2 du présent article.

Article 5: Crédit considéré comme non performant

Un crédit avec un plan de remboursement pré-établi est considéré comme non performant, lorsque:

Official Gazette n° 49 bis of 04/12/2017

- a) Umwenda w'ibanze cyangwa inyungu igomba kwishyurwa maze ikaba itarishyuye mu gihe cy'iminsi nibura mirongo icyenda ; cyangwa
- b) Iyishyurwa ry'umwenda w'ibanze cyangwa inyungu bihwanye n'inyungu z'iminsi nibura mirongo icyenda byongewe ku mwenda, byasimbujwe undi mwenda, byongeye kumvikanwaho, byavuguruwe cyangwa byahinduwe.

- a) The principal or interest is due and unpaid for at least ninety days ; or
- b) The principal or interest payments equal to at least ninety days interest have been capitalized, refinanced, renegotiated or restructured .

- a) Le principal ou intérêt est échu et non payé pour une période d'au moins quatre- vingt-dix jours ; ou
- b) Les remboursements du principal ou des intérêts équivalents de quatre-vingt-dix jours d'intérêt au moins ont été capitalisés, refinancés, renégociés, restructurés ou révisés.

Umwenda utashyiriweho gahunda ihamye y'iyishyurwa, nk'umwenda w'ingoboka cyangwa ubundi bwoko bw'umwenda udafite igihe cyagenwe, ufatwa ko utishyurwa mu gihe kimwe mu bikurikira gihari:

A credit facility without a fixed repayment program, such as overdrafts or other forms of open credit, shall be considered non-performing when any one of the following exists:

Un crédit sans plan de remboursement établi, tels que les découverts ou d'autres formes de crédit ouvert, est considéré non performant lorsqu'il existe n'importe quel élément parmi ceux qui suivent :

- (a) umwenda urengeje iminsi mirongo icyenda ku gihe ntarengwa umukiliya yemerewe;
- (b) inguzanyo y'umukiriya irengeje nibura iminsi mirongo icyenda ikurikiranye itishyurwa;
- (c) inyungu zigomba gutangwa kandi zigejeje ku minsi mirongo icyenda zitishyuye ; cyangwa
- (d) inguzanyo y'ingoboka

- a) the credit facility exceeds the customer's established borrowing limit for at least ninety days ;
- b) the customer's borrowing line has expired for at least ninety consecutive days;
- c) interest is due and unpaid for at least ninety days or
- d) the overdraft or account is inactive;

- a) le crédit dépasse quatre-vingt-dix jours de la limite d'emprunt établie pour le client;
- b) Le crédit du client a expiré depuis au moins quatre-vingt-dix jours consécutifs ;
- c) les intérêts sont échus et non payés depuis quatre-vingt-dix jours déjà
- d) le découvert ou le compte est inactif :

Ibigenderwaho ku mwenda utishyurwa neza bikurikizwa hatitawe ku ngwate yatanzwe ku mwenda, ndetse n'ingwate y' amafaranga ntivanaho kuba umwenda ufatwa nk'utishyurwa

The criteria for non-performing credit facilities applies regardless of what security is held on the facility and, even cash-backed security will not change the nonperforming status of a credit

Les critères pour les crédits non performants s'appliquent indépendamment de la garantie constituée sur le crédit, et même la garantie en espèces ne changera pas l'état de non performance du

neza n'ubwo amafaranga afitwe nk'ingwate ashobora gukurwa mu mwenda utarishyurwa mbere yo kugena ingoboka yihariye.

Iyo banki yatanze umwenda urenze umwe ku wahawe inguzanyo maze umwe mu myenda ntiwishyurwe neza, banki ifata indi myenda ye yose n'iyabahuje inyungu nawe isigaye itarishyurwa nk'imyenda itishyurwa neza.

Iyo umwenda w'uwahawe inguzanyo cyangwa iy'abafatanije nawe itishyurwa neza muri banki imwe, amabanki yandi ashyira imyenda y'uwo mukiliya n'imyenda y'abafitanye isano nawe mu cyiciro cy'imenda itishyurwa neza.

Ingingo ya 6: Inguzanyo z'ingoboka

Iyo zujuje ibigenderwaho byerekeye kutishyurwa neza biteganywa mu ngingo ya 9 y'aya mabwiriza, inguzanyo z'ingoboka n'indi myenda bidafite gahunda yateganyijwe yo kwishyurirwaho, bihindurwa muri gahunda ishoboka y'iyishyura mu byiciro ihura n'ubushobozi mu byerekeye imari by'uwahawe inguzanyo.

Ihindura ry'inguzanyo z'ingoboka n'indi myenda bidafite gahunda yateganyijwe yo kwishyurirwaho mu nguzanyo z'igihe kizwi nti bihindurwa icyiciro n'ingano y'amafaranga y'ingoboka bireba ku gihe cy'ikurikiranwa

facility, although cash held as security may be deducted from the outstanding balance of the credit facility before determining specific provisions.

